REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 14/10/2019

N° 043/NJYA/2019

SOUTHERN PROVINCE
RECEPTION
DATE: 14 OCT 2019
SIGNATURE:

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Nyanza

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 27 Nzeri 2019

Bwana Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezaho ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Kibeho mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis ku wa 27 Nzeri 2019, yitabiriwe n'Abajyanama 25 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  Kigali
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  Nyaruguru

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KUWA 27/09/2019

INTANGIRIRO

Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis i Kibeho kuwa 27 Nzeri 2019 iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves, yitabiriwe n'Abajyanama 25 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere.
Inama yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, n'abayobozi b'amashami ku Karere.

Abajyanama bitabiriye Inama Njyanama ni aba bakurikira:

1. Umujyanama MUNGWAKUZWE Yves
2. Umujyanama MURERAMANZI Jerôme
3. Umujyanama KAMPOGO Dative
4. Umujyanama HABITEGEKO François
5. Umujyanama GASHEMA Janvier
6. Umujyanama BAKANTWARI Chantal
7. Umujyanama BAYINGANA Wellars
8. Umujyanama DUSABE Marie Josée
9. Umujyanama HABIMANA Thadée
10. Umujyanama KAYIRANGWA Beatha
11. Umujyanama MUKAMABANO Agnès
12. Umujyanama MUKAMUZIMA Faina
13. Umujyanama MURERA Sylvain

14. Umujyanama MUTIGANDA Innocent
15. Umujyanama NDAGIJIMANA Jean Bosco
16. Umujyanama NSANZIMANA Ildephonse
17. Umujyanama NSHIMIYIMANA J.Claude
18. Umujyanama NYIRABAHINYUZA Mediatrice
19. Umujyanama NYIRAKAMONDO Cathérine
20. Umujyanama NYIRAKANYANA Marie Claire
21. Umujyanama REMEZO Boniface
22. Umujyanama RUGIRABAGANWA Domitien
23. Umujyanama SEMANZI Védaste
24. Umujyanama SINDAYIGAYA Samuel
25. Umujyanama UWIRINGIYIMANA Françoise

Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu

1. Umujyanama KAYITESI Colette
2. Umujyanama KAYITSINGA Jean Marie Vianney
3. Umujyanama MURWANASHYAKA Emmanuel
4. Umujyanama MUTANGANA David

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y' Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 28/06/2019 n'inyandikomvugo z'amakomisiyo.
2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama byafashwe
3. Gusuzuma aho imihigo igeze ishyirwa mu bikorwa.
4. Gutegura umwiherero w'Inama Njyanama
5. Gusuzuma inyandiko zandikiwe Inama Njyanama
6. Ibindi.

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe hejuru abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru bafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo cya mbere:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje inyandikomvugo zikurikira:

- Inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 28 Kamena 2019
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yo kuwa 17/7/2019, iyo kuwa 06/08/2019 n'iyo kuwa 17/09/2019.

- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'Imibereho Myiza yo kuwa 31/07 n'iyo kuwa 28/8/2019; niyo kuwa 24/09/2019
- Inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yo kuwa 12/08/2019, iyo kuwa 15/09/2019 n'iyo kuwa 21/09/2019
- Inyandikomvugo ya Komite Ngenzuzi yo kuwa 16/08/2019
- Inyandikomvugo y'inama y'Abaperezida yo kuwa 16/09/2019
- Inyandikomvugo y'Inama ya Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama yo kuwa 25/09/2019

Icyemezo cya kabiri:

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma raporo yakozwe na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku mishinga iterwa inkunga na RDB, ku bwumvikane busesuye bemeje ko mu gutoranya imishinga izaterwa inkunga na RDB mu mwaka wa 2019/2020 hazaherwa ku mishinga yari yaratangiye hagakorwa isuzuma ry'imikoreshereze y'amafaranga bahawe mbere, by'umwihariko hakitabwa ku mishinga ifitiye inyungu abaturage begereye ishyamba rya Nyungwe.

Icyemezo cya gatatu:

Abigize Inama Njyanama mu bwunvikane busesuye bemeje ko umwiherero w'Inama Njyanama uzabera i Muhanga muri Saint André i Kabgayi kuva tariki ya 14 kugeza tariki 17/11/2019, abagize Komite Nyobozi bafatanije na za Komisiyo zigize Inama Njyamana bakaba basabwe gutegura ibikenewe kugirango umwiherero uzagende neza.

Icyemezo cya kane:

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko ingingo ya gatatu yo gusuzuma aho imihigo yo mu mwaka wa 2019/2020 igeze ishyirwa mu bikorwa, izaganirwaho mu mwiherero w'Inama Njyanama uteganijwe mu kwezi k'Ugushyingo 2019.

Icyemezo cya gatanu:

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru bashingiye ku rwandiko N° 1812/07.02.03/MD rwo kuwa 27/09/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama ayisaba gufata icyemezo ku birarane by'abakozi bahoze bakorera Amakomini n'Uturere,

Hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere myiza yo kuwa 17/07/2019 yacukumbuye icyo kibazo ,

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko abahoze ari abakozi ba Komini n'Uturere bashoboye kugaragaza inyandiko nibura za fotokopi zihamya ko bakoreye Amakomini n'Uturere kandi bakaba bafitiwe ibirarane ko bishyurwa.

Icyemezo cya gatandatu:

Abagize y'Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo no kugisha inama ku nzego zishinzwe Ubutaka, ku kibazo kigaragara ko hari abagura ubutaka bw'abahejwe inyuma n'amateka amafaranga adahwanye n'agaciro k'ubutaka, bemeje ko Komisiyo y'Imiyoborere Myiza isuzuma icyo kibazo ikazacukumbura icyo kibazo n'ibindi bibazo bigishamikiyeho mu Mirenge yose.

Icyemezo cya karindwi:

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku ibaruwa N° 1804/ 07.02.03.MD.11.4/19 yo kuwa 27/09/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amugezaho "addendum" kuri tarifu y'imisoro n'amahoro mu mwaka wa 2019/ 2020.

Hashingiwe ku Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage,

Bimaze kugaragara ko hari inyubako ya Kibeho Modern Market and Car Parking yuzuye mu Karere ka Nyaruguru mu Murenge wa Kibeho ikaba ikeneye gukoreshwa,

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje tarifu y'imisoro n'amahoro ivuguruye mu mwaka wa 2019/2020.

Icyemezo cya munani :

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku ibaruwa N° 1716/07.02.03. MD.10.2/19 yo kuwa 13/09/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amugezaho imitungo mishya, Akarere kabonye mu mwaka wa 2018-2019;

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesusye bemeje ko imitungo ikurikira ishyirwa mu mitungo y'Akarere mu mwaka 2019-2020:

- Inyubako nshya zabonetse mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019
- Ibikoresho by'ikoranabuhanga byabonetse mu mwaka wa 2019/2020
- Imodoka Ssang young/Act yon lite N° ya sitasi KPACATE1SD163223 Akarere kahawe n'Umushinga w'Abanyakoreya (KOICA).

Icyemezo cya cyenda:

Mu rwego rwo gukurikirana imitungo ya Leta mu buryo burambye aho ihereye hose, abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko ubuyobozi bw'Akarere bukora urutonde rw'imitungo Akarere gafatanije n'izindi nzego zirimo n'inzego z'abihaye Imana.

Icyemezo cya cumi:

Hashingiwe ku ibaruwa yo kuwa 23/04/2019 ya DUSINGIZIMA Wilson Ally wandikiye Perezida w'Inama Njyanama asaba guhabwa ubutaka bw'Akarere bubaruye kuri UPI 6337 buherereye mu Murenge wa Ngera Akagari ka Murama umudugudu wa Runyami mu rwego rwo kwagura imirima uruganda rwe rutonora kawa rukoresha kugirango umusaruro wiyongere,

Hashingiwe kuri raporo ya "descente" ya Komsiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yo kuwa 21/09/2019 yakoreye mu Murenge wa Ngera aho uruganda rwa DUSINGIZIMANA Ally rwubatse,

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko ubutaka bw'Akarere bufite UPI 6337 bukomeza kuba ubw'Akarere ndetse Akarere kakaba kagomba gusuzuma neza ko ntaho ubukata bwako bwarengerewe.

Icyemezo cya cumi na rimwe:

Hashingiwe ku ibaruwa N° 0060/07.02 yo kuwa 02/02/2018 Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amusaba gusuzuma ikibazo cy'Umuryango wa SHABUTWA uhagarariwe na SAFARI Jean wasabye Ubuyobozi bw'Intara y'Amajyepfo kumufasha kurenganurwa, akabona isambu yari iy'umuryango wa SHABUTWA iherereye mu mudugudu wa Uwimfizi Akagari ka Nyagisozi mu Murenge wa Nyagisozi , uyu muryango uvuga ko hari igice cy'isambu cyafashwe n'ubuyobozi bwa Komine bwariho mu mwaka w' 1959 bukagiteraho ishyamba , uruhererekane rw'uko ubuyobozi bwagiye busimburana rugakomeza gushyira iyo sambu mu mutungo wa Leta(Akarere) kugeza nubu.

Hashingiwe kuri raporo ya "descente" ya Komsiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yo kuwa 21/09/2019 yakoreye mu Murenge wa Nyagisozi Akagari ka Nyagisozi umudugudu wa Uwimfizi yagaragaje ko Ubutaka SAFARI Jean uvuga ko umuryango wa SHABURWA ukwiye guhabwa, butigeze buba isambu y' umuryango wa SHABUTWA nk'uko byerekanywe n'abaturage bahazi barimo n'abahuje igisekuru na SHABUTWA , bagaragaje ko na mbere y'uko abo mu muryango wa SHABUTWA bahunga iyo sambu yari ihari kandi batayigeragamo, bityo SAFARI akaba ashaka kurengera,

Mu bwumvukane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje ko isambu SAFARI Jean yasabiraga umuryango wa SHABUTWA atagomba kuyihabwa kuko na mbere y'uko uwo muryango uhunga mu 1959 iyo sambu yari ihari kandi yari mu maboka ya Leta.

Icyemezo cya cumi na kabiri

Abagize Inama Njyanama bashingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yo kuwa 15 Nzeri 2019 ijyanye n'ubusabe bw'Uruganda rw'icyayi rwa Mata ku mushinga wo kwagura ubuhinzi bw'icyayi himuwe abaturage,

KP

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko Komite Nyobozi yandikira uruganda rw'icyayi rwa Mata irusaba kuzuza ibiteganywa n' Itegeko N° 32/2015 ryo kuwa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku nyungu rusange, Ubuyobozi bw'Akarere kandi burasabwa gufasha uruganda kubona amakuru yose dzakenerwa ku mikoreshereze y'ubutaka.

Icyemezo cya cumi na gatatu

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri N°003/07.01/15 ryo ku wa 13/10/2015 rihindura kandi ryuzuza Iteka rya Minisitiri N°008/07.01/14 ryo ku wa 28/05/2014 rigena insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo bigenerwa abagize Inama Njyanama igihe bateranye mu Nama Njyanama, inama za Komisiyo n'izindi nama batumirwamo n'ubuyobozi bw'Akarere;
Inama Njyanama imaze kubona ko ibiciro by'ingendo byagiye by'iyongera, imaze gusuzuma imiterere n'uburebure by'ingendo abajyanama bakora;
Abagize Inama Njyanama mu bwumvukane busesuye bemeje ko amafaranga y'urugendo Abajyanama b'Akarere bari basanzwe bahabwa yiyongeraho ibihumbi icumi **(10,000frw)**

Icyemezo cya cumi na kane.

Hashingiwe ku ibaruwa ya Bwana MUNGWAKUZWE Yves yo kuwa 16/09/2019 yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru ayimenyesha ko ahagaritse kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Munini kubera imiterere y'akazi akora buri munsi katamworohereza kuzuza izo nshingano yari yarahawe;

Abagize Inama Njyanama mu mbumvikane busesuye bemeye ubwegure bwa MUNGWAKUZWE Yves wari uhagarariye abikorera mu Nama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya Munini.

Icyemezo cya cumi na gatanu.

Mu rwego rwo kuzuza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Munini ituzuye, abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko Bwana KANYESIGYE Emmanuel aba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Munini, akaba ahagarariye urwego rw'abikorera.

Icyemezo cya cumi na gatandatu.

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku ibaruwa N° 008/07.02 yo kuwa 19.07.2019 Guverineri yandikiye Perezida w'Inama Njyanama asubiza ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 28/06/2019 aho icyemezo cya 18 cyemezaga guha abajyanama imashini (Laptop) bazishyura 18% by'agaciro kazo,

Nk'uko Guverineri yabitanzeho umurongo ko imashini zabanza guhabwa abakozi batazifite kandi bazikenera umunsi k'uwundi, abagize Inama Njyanama bashimye inama bagiriwe mu

bwumvikane busesuye biyemeje kugarura imashini (laptop) bari barahamwe kugirango abakozi batanga serivisi bose babaruwe ko badafite imashini babanze bazihabwe.

Icyemezo cya cumi na karindwi.

Nyuma yo kwakira no guha ikaze Umujyanama mushya Bwana NDAGIJIMANA Jean Bosco winjiye mu Nama Njyanama nk'umwe mu bagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere (CNJ),

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko Umujyanama NDAGIJIMANA Jean Bosco ajya muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu , akaba n'umwe mu bagize Komite y'Ubugenzuzi mu Nama Njyanama.

Umusozo

Inama Njyanama yatangiye imirimo saa tanu (11h:00) isoza imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'igice (18h:30) Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye n'ibitekerezo batanze.

Umwanditsi w'Inama

KAMPOGO Dative

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'Inama

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 23.10.2019
N° 0751/07.02

NYARUGURU DISTRICT
DATE OF RECEPTION
06 NOV 2019
Received by Njyanama
Registration No. 3159
To be Treated by

INTARA Y'AMAJYEPFO
BP 41 NYANZA
TEL 252533385 FAX 252 533380

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU
NYARUGURU

Impamvu : Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka NYARUGURU yateranye ku wa 27 Nzeli 2019

Bwana Perezida,

Nyuma yo gusuzuma ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku itariki ya 27 Nzeli 2019 bikatugeraho ku itariki ya 14 Ukwakira 2019; turabashimira ibyemezo byafashwe tukaba tubasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

CG GASANA K. Emmanuel
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe :
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu; **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru **NYARUGURU**